# UMWAKA 2006

**INOMERO YUZUYE Y'UMUNYESHURI**

| Intara/Umujyi | Akarere | Umurenge | Ishuri | Umunyeshuri |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

**AMAZINA Y'UMUNYESHURI**

IZINA RYAWE BWITE: ____________________________________________

ANDI MAZINA YAWE: ____________________________________________

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE BIGOMBA KUGARAGARA NK'UKO BYANDITSWE KURI "REGISTRATION FORM"

# IKIZAMINI CY'IKINYARWANDA
## UMWAKA WA GATANDATU 2006

**Igihe kimara: amasaha abiri**

**Banza usome uyu mwandiko witonze, uwumve, ubone gusubiza ibibazo bijyanye na wo.**

Umubyeyi n'umwana we bari batuye mu mudugudu wari mu nkengero z'ishyamba ryabagamo impyisi yaciye ibintu, yahoraga iteze agasimbuka ngo igacakire. Yari yaramaze amatungo y'abaturage: inyana, intama, ihene n'inkoko.

Ijoro rimwe, icyo gisambo cyarambiwe ubwihisho cyahoragamo, cyumvise umwana urira.
Nyina aramucacura, aramuheka, amuvugiriza ubuhuha, aranga arahanirana. Nuko aramutonganya ati "nudaceceka ngo utuze, witonde, ndakuraza hanze, igikoko kikurye; amarira yawe nayarambiwe". Na yo irabyumva iramwenyura, itangira kwishima iti "icyo ndarira ndakibonye". Nuko yirigata iminwa, amerwe arayikirigita.

Bihehe iti "ibyo se kandi ni ibiki? Kuki uwo mubyeyi ahindagura amagambo? Uko byagenda kose, ako kanya tuzabonana. Kazajya kuvoma tuzahurirayo; bazagatuma kurahura, tuzahurirayo; bazagatuma gusenya, tuzabonana". Igihe ikivuga ibyo abaturanyi barahurura, bazana ibibando barayihondagura. Barayibaza bati "ubundi washakaga iki hano?" Iti "nari ntegereje ko uwo mubyeyi yubahiriza ibyemezo yafatiye uwo mwana wamutesheje umutwe."

Wa mubyeyi ati "urusha nyina w'umwana imbabazi ngo abashaka kumurya!" Arahindukira areba bakuru be, ati "umwana utumviye se na nyina yumvira ijeri."

Nuko barayihuragura. Umuturanyi wari wahuruye aca ijanja, maze umutwe n'umurizo byayo abimanika ku giti, agira ati "babyeyi, turengere abana, namwe bana, mwubahe ababyeyi."

**IBIBAZO**

**A. KUMVA UMWANDIKO**

Ushingiye ku bivagwa mu mwandiko uzuza ibisubizo bikurikira

1. Umutwe w'uyu mwandiko ni

_______________________________________________

2. Amatungo y'abaturage yariwe n'impyisi ni

_______________________________________________

3. Nyina w'umwana yamuhojeje amuhumuriza ati

_______________________________________________

4. Andika ahantu hatatu impyisi izategera ako kana.

_______________________________________________

5. Umugani urangiza usaba ababyeyi gukora iki?

_______________________________________________

N'abana gukora iki?

_______________________________________________

**B. INYUNGURAMAGAMBO**

6. Andika imbusane y'ijambo "kumvira":

_______________________________________________

7. Uzurisha buri nteruro rimwe muri aya magambo: inkorora, yahinduye, kwiga, midugudu, malariya, yirukanwa, majyambere, nzitiramubu, acacurwa, gukubagana.

(a). Abanyarwanda bahamagariwe gutura mu

_______________________________________________

(b). Iyo umwana arize, ______________________ na nyina.

(c). Tugomba kwirinda ______________ turara mu ______________.

(d). Nitwihatira ______________ tuzageza igihugu cyacu ku ______________.

(e). Umubyeyi ______________________ icyemezo yari agiye gufatira umwana we.

**C. IKIBONEZAMVUGO**

8. Shyira ishinga y'iyi nteruro mu ndagihe:

"Ababyeyi bazarengera abana".

_______________________________________________

9. Shira iyi interuro mu bwinshi:

Ubwenge burarahurwa

_______________________________________________

10. Sanisha iyi nteruro mu nteko ya cumi na rimwe:

Nukomeza kurira, igikoko kirakurya.

_______________________________________________

11. Tanga inteko z'aya mazina:

(a). Abana ______________________________

(b). Ibibando ______________________________

(c). Iminwa ______________________________

12. Garagaza uturemajambo tw'aya mazina n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe:

(a). Imbabazi

______________________________

(b). Igihe

______________________________

13. Amagamboaciyeho akarongo ni bwoko ki?

(a). Ijoro rimwe ______________________________

(b). Icyo gisimba ______________________________

(c). Umudugudu mwiza

______________________________

(d). Urashaka iki hano hantu

______________________________

14. Tondeka neza amagambo akurikira avemo interuro nzima yubahirije utwatuzo:

ko, ishuri, na, asigaye, wananiranye, yitonda, nka, ubusa, bakamuhendahenda, yagera, mu, umwana, urizwa, akemera, bavuga, marayika, agahora.

**D. IMYANDIKIRE YEMEWE**

15. Kosora niba ubona izi nteruro zikosheje.

(a). Nawe ateye nkabo:

______________________________

(b). Mugabo avuyi Kigali:

______________________________